**IJAMBO MINISTRI W'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE YAVUZE ATANGIZA JAMBOREE NATIONAL "MUSHUBATI 1987 KU ITALIKI YA 21/07/1987**

---

- Nyakubahwa Musenyeri, Mushumba wa Diyoseze......
- Banyacyubahiro
- Rubyiruko rw'Abaskuti
- Ba Militante ba Militant

Mbanje gushimira byimazeyo,abanyacyubahiro bali hano,baje kwifatanya n'uru rubyiruko rw'Abaskuti muli iyi mihango yo gutangiza Ikoraniro ryabo batangiye uyu munsi.

Ndashimira abakuru b'Abaskuti mu Rwanda kubera ubwitange n'ubupfura bakorana umulimo wabo wo gutoza urubyiruko inzira iboneye y'amajyambere y'abo n'ay'Igihugu.

Ndashimira na none Ababyeyi, bakora uko bashoboye kugirango batere inkunga ikomeye abana babo babatoza umuco, bababwiliza umulimo, babaha uburere bukwiye umunyarwanda mushya, wacengewe n'amabwiliza ya "kidemokarasi" duhuweka kuva 1962, akuzuzwa na "Démocratie Responsable" dukesha M.R.N.D. iyobowe na Nyakubahwa Presida-Fondateri Général-Major HABYALIMANA Juvénal.

Ba Militante Ba Militant,

Umunsi nk'uyu w'ibyishimo dutewe n'uru rubyiruko rw'abaskuti ugomba kutubera uburyo bwo kuzilikana byinshi:

- hali [illegible] ibyiza dukesha umunezero, ubusabane, n'umutima mwiza dusangana benshi mu bana b'u Rwanda.
- Aliko hali n'ingorane igihugu gikomeza guhura nazo bitewe ahanini n'ubukene; bikaba bitagishoboka <u>kwigisha no kujijura</u>, <u>kubonera buli wese umulimo</u> washobora kuzamutunga ukazamutungiran'abamukomotseho.

Ndagirango munyorohere muli uyu mwanya iyi "Jamborée" n'abaskuti" impe uburyo bwo kwibanda cyane cyane kuli ibyo bitekerezo :

Abazobereye mu bumenyi bw'imibereho myiza y'Abaturage n'ubukungu batubwirako muli ikigihe ibibazo by'ubukungu mu isi bidatuma haboneka imilimo irenze ibihumbi 100, mu rubyiruko ruba rugeze igihe cyo gukora.
Mu Rwanda muziko 2/3 by'abaturage bataragira imyaka 25. Ni ukuvugako kuli miliyoni 6, hafi ya miliyoni 3,5 bagomba kwigishwa no kujijurwa ndetse bakagomba no gufashwa kugirango babone akazi.
Mulibo 62 % y'abageze igihe cyo kwiga bali mu mashuli abanza; 8% w'abarangiza umwaka wa 8 niba biga ayisumbuye, naho 10% z'abize ayisumbuye nibo biga mu mashuli makuru.

.../...

Kuberako ntaburyo buhagije bwo kwigisha abasore n'inkumi, abenshi mu bageze mu kigero cyo gukora usanga ntaumwuga ugaragara bazi.

Byongeye ko amasambu yabuze, tukibukako ubwiyongere bw'abaturage nacyo ali ikibazo gikomeye cyiyongera kubyo twali dusanganwe, birumvikanako ubuhinzi bukorwa n'abanyarwanda benshi mu Rwanda, butangiye nabwo gutera ibibazo by'ingorabahizi.

Tuzi kandi ko n'imishinga iciriritse ikili mike iwacu kuburyo twavuga ko ikoresha gusa 5% b'abaturage bageze igihe cyo gukora, bigatuma rero urubyiruko ruli hagati y'imyaka 15 na 25, ali nabo bashaka akazi, bahura n'ingorane nyinshi bashaka ibyo bakora.

Izo ngorane zose rero, ba Militante, ba Militant, nizo zatumye Leta yihatira guhuliza hamwe ingufu z'urubyiruko, irusaba kwibumbira hamwe mu mashyirahamwe, ibatoza imilimo kandi ibahugulira mu bigo by'urubyiruko no mu ma "Chantiers" maze amakoperative y'urubyiruko abe uburyo bushyashya bworohereza abato kwibonera imilimo hirya no hino mu Gihugu.

Ibyo byose, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura zaKoperative, ibikora ifatanyije cyane cyane n'Imilyango y'Urubyiruko.

Muli iyo milyango, mboneyeho umwanya wo kwongera gushima, Umulyango w'Abaskuti mu Rwanda waduhuje uyu munsi, kubera ibikorwa byiza bya kijyambere dusanga hirya no hino mu bigo uyobora. Tukawushimira umutima wa kigabo utoza urubyiruko ruwugana n'intambwe umaze kugeraho mu ntego wiyemeje.

Nongeye gusaba abakuru w'uwo Mulyango gukomeza uwo mugambi wo gutoza urubyiruko umulimo no kwitangira bagenzi babo.
Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative nayo izakomeza ibatere inkunga uko izabishobora.

Ndashimira kandi n'indi milyango y'urubyiruko guharanira iyo ntego yo gufasha urubyiruko kwifasha cyane cyane irutoza gushinga amashyirahamwe kugirango rwibonere ubwarwo akazi kazarutunga mu minsi ili imbere.

- Baskuti muli hano
- Ba Militante ba Milita,

Muli uyu muhango wo gutangiza kumugaragaro iyi "Jamborée y'Abaskuti", ndagirango nsabe Abaskuti kuzakorana umwete kugirango iyi minsi muzamara hano izabafashe gukangukira kurushaho imigambi mwiyemeje.
Kuli gahunda y'iyi minsi mwahisemo "UBUTABERA n'UBUFATANYE" (justice et solidarité avec les jeunes).
Ndifuzako muguseza iyi "Jamborée" buli wese azabe yiyemeje gufatanya n'abandi gucengeza ubutabera,bityo Umuskuti akazabera urundi rubyiruko urumuli rukwirakwiza "ubutabera mu bufatanye bwa kivandimwe.

.../...

Mase kandi mushingo mukomeje Ibendera rya Muvoma yacu mu ngando zanyu kugirango UBUMWE, AMAHORO n'AMAJYAMBERE bikomeze bisugire bisagambe mu Rubyiruko.

- Harakabaho Muvoma yacu na Prezida Fondateri
- Harakabaho Urubyiruko
- Umulyango w'Abaskuti n'urambe.